# Nozibele n’ imisatsi itatu

Tessa Welch
Wiehan de Jager
Patrick Munyurangabo
3
Ikinyarwanda rw

Igihe kire kire cyashize, abakobwa batatu bagiye gutoragura inkwi.

Wari umunsi ushyushye; bagiye ku umugezi koga. Barakinnye, banaterana abazi baronoga mu amazi.

bidatize, babonye ko bwije. Bihutiye kugaruka mu igiturage

Ubwo bendaga kugera imuhira, Nozibele yashyize akaboko ku ishosi rye. Yavuze ko yibagiwe agakufi ke. "Mumbabarire dusubirane yo!" Yasabye inshuti ze. Ariko inshuti ze zavuze ko bwari bwije cyane.

Nozibele yasubiye ku mugezi wenyine. Yabonye umukufi we, ahita yihutira iwabo. Ariko yarayobye mu umwijima.

Mu intabwe yabonye urumuri ruva munzu. Yihuse ayisanga, arakomanga ku urugi.

Atungirwa nuko ari imbwa yafunguye urugi, iravuga, “urashaka iki?” “Nabuze ndashaka aho kuryama,” Nozibele yaravuze. “injira cyangwa se nkurume!” Imbwa yaravuze. Nozibele arinjira.

Imbwa irangije iravuga, “ntekera!” “Ariko sindigera ntekera imbwa mbere,” Arasubiza. “Teka cyangwa se nkurume!” Imbwa yaravuze. Ubwo Nozibele yatetse ibiryo by’imbwa.

Birangije imbwa iravuga, “nkorera uburiri!” Nozibele arasubiza, “sindigera nkora uburiri bw’imbwa.” “Nkorera uburiri cyangwa nkurume!” Ubwi Nozibele yakoze uburiri.

Buri munsi yagombaga tuteka, gukubura, no koza ibintu by’imbwa. Umunsi umwe imbwa yaravuze, “Nozibele, uyumunsi ngomba gusura inshuti. Kubura inzu, unoze ibintu byange mbere yuko ngaruka.”

Imbwa ikihava, Nozibele yavashe imisatsi itatu kuva kumutwe we. Ashyira umwe munsi y'uburiri, undi inyuma y'urugi, n'undi mu ikiraro cy'amatungo. Arangije ariruka cyane bishoboka ajya iwabo.

Ubwo imbwa yagarukaga, yashatse Nozibele. “Nozibele, uri hehe?” Yarasakuje. “Ndi hano, munsi y’ubuuriri,” umusatsi wambere waravuze. “Ndi hano, inyuma y’urugi,” Umusatsi wakabiri. “Ndi hano, mu kiraro,” umusatsi wa gatatu uravuga.

Imbwa yahise imenya ko Nozibele yayikinnye ubwenge. Yarirukatse mpaka igeze mu igiturage. Ariko basaza ba Nozibele bari bategereje n’ inkoni nini. Imbwa yahise ikata irahunga, ntiragaruka kuva ubwo.

# Global Storybooks

globalstorybooks.net

## Nozibele n' imisatsi itatu

Tessa Welch
Wiehan de Jager
Patrick Munyurangabo

CC BY